

Gahigi : – Oya. Wowe se urumva bishoboka ? Avugisha amabara yayo. Umushoferi iyo ayagezeho atwaye imodoka, agomba kwitonda. Iyo asanze ibara lyayo litukura, arahagarara, ubwo wenda izindi modoka ziturutse mu wundi zo zikaba zihita. Yabona ibara lyayo ali icyatsi, agakomeza akagenda.

Gahutu : – Erega afite akamaro cyane !

Gahigi : – Na we urabyumva.

Gahutu : – Utitaye kuli ayo matara bamugira bate ?

Gahigi : – Iyo abajandarume ujya wumva bamufashe baramuhana, kuko aba yishe amategeko, kandi ashobora gutuma imodoka zigongana.

Gahutu : – Ibyo ndabyumvise. icyagutangaje kurusha ibindi ni iki ?

Gahigi : – Ni amahoteli.

Gahutu : – Ngo amateli ?

Gahigi : – (aseka) Amahoteli. Ni ibizu birebire abagenzi bakize bacumbikamo, bakanaliramo.

Gahutu : – Hali iyo winjyemo wowe ?

Gahigi : – Nageze muli imwe, aliko izina lyayo ndalyibagiwe, shahu !

Gahutu : – Na nje iki gihembwe nzihata mbe uwa mbere, nsabe iwacu kunyereka i Kigali.

Gahigi : – Nakubwira iki ! Uzahasanga byinshi utarabona. Uli-tonde aliko, dore uracyali akana...

Aka kago k'akagero kalimo akagega k'akagegemeza,
kalimo agakoko k'agakokokazi, ntikaraye amazi kayaraye kayaraye.

14. UMUNTU W'UMUNEBWE N'UMUNYABWIRA



Kera haliho abavandimwe babili b'abakene. Umwe ntiyaku-ndaga gukora ngo abone imyaka n'amafaranga, ntiyagiraga ubwira muli ibyo ; akibwira ko amafaranga azamwizanira akamusinga iwe. Ayabuze akajya avuga, ati « ndi umukene, singira ibintu. None se ngire nte ko bitangwa n'Imana ? » Nuko akilirwa yiyicaliye gusa, abandi bakamwita umutindi. Ntiyagiraga ubwira bwo kwishakira ibimutunga.

Nyamara murumuna we yanga kugenza nka we. Na we yavugaga ko afite ibintu bike, aliko ati « nzakora uko nshoboye mbyongere mbone byinshi. » Ibyo yasigiwe n'ababyeyi abitunga neza, ngo atazabura ikimutunga ikindi gihe. Akagira ubwira mu byo akora byose agamije ibyamuteza imbere.

Buhoro buhoro, yorora neza amatungo yasigiwe n'ababyeyi be. Akomeza wa mugambi ati « ndi umukene, aliko nzabona ibintu, kuko mfite amaboko n'ubwenge nkoresha. »

Koko rero, akoresha amaboko n'ubwenge bwe, bukeye imilimo ye iramukungahaza. Nuko akira atyo, kandi arabisazana. Naho undi apfana ubukene bwe.

« Utifashije ntafashwa n'Imana. »

15. NGUNDA (Igice cya kabili)



Ngunda aba aho, aba iciro ly'imigani. Limwe amaze guhaga aliyumvira ati « halya ngo mu Rwanda nta muntu wahwanya na nje kulya ? Emwe ni koko. Dore na we ibi bilyo byose maze mu mwanya muto. Nyamara byatetswe mu minsi itandatu. Aliko ga rubanda, no kundenganya barandenganya ! Ndya limwe gusa mu cyumweru. Aliko bo bakalya kenshi buli munsu. Kandi nta muntu n'umwe twahiga mu guhinga cyangwa kubasha indi mili-mo. Yego... ndalya aliko uko ndya ni ko nkora. Ubwo sindi igisambo uko bamvuga. Ahubwo ndi umugabo, igihangange ndetse... Kandi ga ye umenya Ruganzu yahingishije. Ese icyatumye atandalika ni iki ? Henga muhime nje kumvumba. »

(Kwa Ruganzu)

Ngunda : – Gahorane amashyo n'ingoma Nyagasani ! Umva ikinzanye, Nyagasani. Nje kubaramutsa no kubafunguza. Numvise yuko ngo mwahingishije, nyoberwa icyababujije kundalika kandi nzi ko nta muntu n'umwe wandusha guhinga. Ibyo Nyagasani ntacyo bitwaye, mupfe kumvumba gusa.

Ruganzu : – Koko na nje sinzi uko byandenzeho. Ndakuzi kuli ubu uba wahamaze wafatiliye n'ahandi. Aliko se nali kubona inzoga ziguhagije n'inda yawe niyiziye ? Ndetse n'ubu ubanza ntali bubone izo nkuvumbyaho ngo mbone n'izihaza abahinzi banjye.

Ngunda : – Na nje sinaguhemukira. Reka kumvumba, pfa kunsogongeza gusa nigendere. Nzaba nza kuvumba ikindi gihe cyangwa se uzanyitumilira.

Ruganzu : – Ngunda se, ningusogongeza, ko nzi isogongera iyawe, ntuzinogozamo abahinzi banjye bagaheba ? Ngaho nibajye kukwereka, aliko uramenye !

Ngunda : – Ndasogongera gusa mba nkuroga ! Ndetse mfite urugendo, iyo mungilira vuba nkareba uko natwaza ili zuba.

Ruganzu : – Umunyanzoga ntumuzi ? Genda bagusogongeze. Ngiye kureba abahinzi.

Ngunda : – Yewe sha ! Shobuja arambwiye ngo nsogongeza ku nzoga.

Umunyanzoga : – Nabumvaga. Aliko se ntuntamaze ! Dore usheshe akanguhe. Dore inzoga ngiziliya. Singombye kukugenda mu nyuma, ndi muli rwinshi. Enda umuheha.

Ngunda : – Oya wihorere, nifitiye uwanjye Ruvunabataka. Nawukuye mu ishyamba, nkawugendana mu ruhago kuko ntamenya gusomesha iyindi miheha.

Umunyanzoga : – Ni uko rero genda. Uli umuntu mukuru wibwire.



(Ngunda agarutse)

– Mbe Ngunda ko wijuse cyane ubigenjeje ute ?

Ngunda : – Navuye imuhira abagore banjye bamaze kungabulira. Kandi no gusogongera ko ndasogongeye ; ahubwo genda urebe.

Umunyanzoga : – Yewe, ndumva ibikoba binkuka, ngiye kureba.

Ngunda (wenyine) : – Abanyanzoga baba abapfu ! Ubundi yali asanzwe ayobewe imisogongerere yanjye ? Yabaga yazaga ahubwo tukajyana. Nsibye guhembuka, aliko rero byibura nish akanyota. Ubwo Ruganzu yarebye, yemera ko njya gusogongera azilikana ko nta nzoga nyinshi afite ? Umva ko ndi umunyanda nini. Umunyanda nini ntiyanga kugawa. Kandi simpemutse, sinakoze ukundi atambwiye. Yambwiye ngo nsogongere. Na nje nasogongeye, sinyoye. Ubundi bwo buliya buyoga bubili ni bwo yali ateze abahinzi ? Henga ndetse nigendere. Sinashobora kumva imivumo y'abanyanzoga ! Twahubirana yanyica. Kandi ga koko ndahemutse ! Nguliya arahindukiye. Mbega umujinya afite ! Emwe ndahemutse ! Emwe si uruda rwanjye rwaniranye !

Umunyanzoga (wenyine) : – icyago yagiye. Aramaze na nje sinashakaga kurebana na we. Bahungu se mbigenze nte ? Ruganzu ndamubwira iki ? Abahinzi nibahingura ndabakwiza he ? Ndamenya nihisha he ? Aralinkoreye Ngunda ! Ndahebye, ntawizigira rubanda... Ruganzu ntagira umwaga, aliko rero ntabura kumbwira nabi, birakwiye kandi. Nimbona ko arakaye, ndapfa kumusaba imbabazi, ahubwo izo nzoga nzazisubizeho ubwanjye. Mana y'i Rwanda, urampe gukira ilya none !

*
* *

Ruganzu : – Mbe Ngunda, iyo nda yawe ko yafoye cyane aho ni amahoro ?

Ngunda : – Nyagasani ndasogongeye gusa. None se nali kugira ukundi mutantegetse ? Ndetse ndabasezeraho kuko mfite ubwira, nasize umugore wanjye aniha. Ndagira ngo nje kureba ko none yaba yaruhutse !

Ruganzu : – Ni uko, genda amahoro. Aliko uramenye...

Ngunda (ageze hilya) : – Nyagasani, ab'imuhira nibamvugira nabi, murangilire imbabazi. Muzilikane ko inda yanjye yantanye ! Nasogongeye gusa aliko ahali nakengesheje. Nibibababaza ahubwo nzaliha.

Ruganzu : – Genda rwiza, icyo ushaka kuvuga ndacyumva. Abahinzi banjye urabakoze. Ninsanga wazimaze, umenye ko uzaliha nka zo kabili, kandi ntuzasubire kungarukira mu rugo ukundi, kereka ku muni nagutumiyeye kumpa umubyizi, ukaba igihano cyawe.

« Inda nini icura uwayihaye. »

« Uburana urubanza rw'inda ntatsindwa. »

16. INSINA



Insina ngo yaba ikomoka muli Aziya. Ni igihingwa cyera imbuto nini bita igitoke. Ishaka ahantu hashyuha, hali ubutaka bulimo ifumbire nyinshi kandi buhehereye.

Ibibabi byayo byitwa amakoma, yakuma akitwa amashara, ibishagali cyangwa ibishwangara. Umubyimba wayo ni umutumba ugizwe n'ibivovo, byakuma bikitwa ingabo cyangwa ibirere by'ingabo.

Abana b'insina bavuka ku nguli zayo ; bamwe bakabana na nyina ku gitsina kimwe, bakazayisimbura imaze kwera no kubyara abandi, bagakurwa bagaterwa ahandi, cyangwa bagatemwa kugira ngo bagabanuke, abasigaye babyibuhe. Ni byo kwicira urutoke.

Insina zigira amoko menshi, agabanyijemo-ibyiciro bibili : izigira amakakama n'izitayagira. Iz'amakakama zera ibitoke byengwamo inzoga bikanalibwa imineke. Izitagira amakakama zitwa inyamunyu ; zikera ibitoke bilibwa bitetse cyangwa se bikalibwa imineke. Ndetse abana bo baranabihekenya.

Ibitoki bivamo inzoga yitwa urwagwa. Amarwa n'urwagwa ni byo binyobwa na benshi mu Rwanda.

Ushaka ko urutoke rwe ruba rwiza arutera ku mirongo, hagati y'insina n'indi hakaba umwanya utuma insina yisanzura.

Uwo mwanya uba munini iyo ubutaka ari bwiza n'iyi insina ibyara cyane, ukaba mutoya iyo umulima atali mwiza kandi n'insina ntibyare cyane.


Insina ntiyanira limwe hose. Ahashyuha cyane yera hashize amezi cumi ; ahadashyuha cyane, hashize umwaka n'igice ; aha-konja, hashize imyaka ibili.

Uko tumaze kubyumva rero, insina ni kimwe mu bihingwa by'ingenzi mu Rwanda. Ubwo ari ingandururugo kandi urwagwa rukaba rutatunga umuntu rwonyine, dukwiye kwibanda ku nsina zera ibitoke bilibwa, bityo tukarwanya inzara iwacu.

-
- Sakwe ! Sakwe !
 - Soma.
 - Mutumbajuru wa Rujugira.

Umwamba w'insina.

17. URUKWAVU N'UMUHALI



Urukwavu rwuzuye n'umuhali. Bukeye rurawubwira ruti « ngwino twihingire umulima, tuwuteremo ibigoli n'urutoke. » Umuhali uremera aliko ubwira urukwavu uti « ko ntazi kulira insina, urutoke nirwera imineke nzayimanura nte ? »

Urukwavu ruti « ndi umuhanga wo kulira ; ibitoke nibikomera nzajya mbimanura. » Nuko biherako bihinga umulima munini cyane, biwuteramo ibigoli n'urutoke rwinshi.

Urutoke rumaze kwera, urukwavu rubwira umuhali, ruti « ngwino tujye kureba ibitoke byarakomeye, bimwe byanekeye hejuru. » Nuko biragenda, bigeze mu mulima, urukwavu rwulira insina, ngo rugere hejuru, rwimanyulira imineke rwilira. Umuhali urarubaza, uti « ko nduzi nta mineke unagira bite ? » Ruti « ba uretse gato, ndacyatoranya imyiza, kuko nduzi kino gitoke kitaraneka neza. » Rugumya kwilira imineke ngo rurumva ko ihishiye ! Rumaze kumva aho rugejeje, rubwira umuhali ruti « kuyimanura ubu ni ukuyangiza kuko itaraneka rwose, reka tuzagaruke ejo ; ahubwo reka nze mbe nkwigisha gukorera urutoke. » Umuhali uti « sinkwemereye, kereka ubanje kumanulira imineke, naho ubwenge ushaka kumpenda nabutahuye kare. Niwanga ndagutsinda aho. »

Urukwavu rubonye ko umuhali urakaye, rwibuka ubundi bucu-kura, rwirebesha ku gitoke cyali hilya yarwo, ruherako rubwira umuhali, ruti « Yooo, uzi ko twabayeye abapfu kare iyo dushaka imineke myiza kuli iliya ntuntu, dore inyoni zirenda kuyitumarana ! Reka manuke nduhuke gato kuko maze kunanirwa, maze nkugerere ku cyo wifuzza, wumve ubulyohe bw'imineke y'insina z'ino wajyaga ubalirwa ! »

Umuhali uti « ngaho manuka, aliko niwongera kundyalya ntumva imbere. » Nuko urukwavu ruramanuka, rugeze hasi rugezeza kwiruka, umuhali uba warusingiliye ! Ugiye kurwica, rura-wubwira ruti « uranyica ngiye kukumanulira imineke ! » Ako kanya bigaruka kuli ya nsina, urukwavu rurongera rurulira rumanura imineke ruherezza umuhali, na wo uralya ulishima.

Kuva icyo gihe, urukwavu rucika ku ngeso z'ubusambo n'ubulyalya.

« Ubwenge bwali bwiza iyo butamenywa na benshi. »

« Utazi ubwenge ashima ubwe. »

-
- Sakwe ! Sakwe !
 - Soma
 - Sogokuru alyoha aboze

Umuneke

- Sakwe ! Sakwe !
- Soma
- Inka yanjye nyikama igaramye

Umuvire

18. IMIGENZO YA KINYARWANDA



Abanyamahanga bacyaduka mu Rwanda basanze twifitiye imico n' imigenzo yacu ; imwe muli iyo igenda isimburwa n' iya-bo, iyacu yibagirana ityo. Aliko muli iyo twasigiwe n' abasokuruza halimo imyiza n' imibi. Imibi igomba kurekwa naho imyiza tugifite tugomba kuyikomeraho.

Imwe muli iyo migenzo myiza ni iyi : gufashanya mu byerekeye imyaka n' amatungo, gutabarana no kwakira abashyitsi. Kuva kera Abanyarwanda bahoze bafashanya, bagakorera hamwe. Ibyo bikabonekera cyane cyane mu kuguzanya, kwata no kugwatiliza.

Iyo umuntu yabaga yejeje imyaka, undi atareza cyangwa yarumbije, uwejeje yagulizaga utejeje ; na we akazamwishyura cyangwa akazamwitura ku bundi bulyo. Uwabaga akeneye umulima, yajyaga kwa mugenzi we akabimutekerereza ; mugenzi we akamwatira umulima agateramo imyaka yamara kweza akamuha icyatamulima. Uwabaga ashaka korora na we yasangaga umutunzi akamuha inyana, we akamuha ikimasa, amasuka... Umuntu yahaga undi itungo ngo limukenure, yabona inyiturano akayimuha.

Gutabarana na byo byahozeho kuva kera. Abanyarwanda bakabyerekanira cyane cyane mu itwererana no mu gufashanya ku bulyo bwinshi. Uwashakaga kwiyubakira bamutizaga umuganda. Uwashakaga gushyingira, gutwikurura, gukura ubwatsi n' ibindi nk' ibyo baramutwereraga, bakamuha ibimufasha muli iyo milimo nk' inzoga, amafaranga n' ibindi cyangwa se bakamufashisha amaboko yabo. Uwo muco uracyakomeza n' ubu mu Rwanda.

Abasokuruza bacu bakundaga kugodokerana no gutabarana mu milimo ; ni ukuvuga ko iyo basangaga umuntu imilimo yamubanye myinshi cyangwa afite iyihutirwa nko gusya, kwenga cyangwa gusarura imyaka bazaga kumuvuna babyibwiliye.


Indi migenzo mikuru cyane ni iyerekeye kwakira neza abashyitsi, kugoboka abali mu byago, abatishoboye, abapfakazi, imfubyi n' indushyi. Abanyarwanda bishimira gucumbikira abali mu ngendo n' iyo ntacyo baba bapfana, bapfa kuba gusa nta bugizi bwa nabi bubarangwaho. Abagenzi cyangwa abashyitsi aho bageze hose bashobora kubazimanira ; ndetse n' udafite izimano lihagije abimenyeshya abaturanyi bakamuha amata, inzoga... bakamufasha gushaka isaso kugira ngo umushyitsi we anezerwe.

Igihe umuntu yimukaga cyangwa yahishije urugo, batarabona ubulyo ngo bamwubakire bakundaga kumusembereza bakaba bamuhaye ibimuyamba muli icyo gihe : imyaka, ibikoresho cyangwa se amafaranga. Abatabishoboye bakamuha umubyizi.

Iyo habaga hali umurwayi wagombaga kujya kuvuzwa, abantu bashyiraga hamwe bakamuheka, ndetse n' abo bahuliye mu nzira bakabakira. Umurwayi yaba agomba guhama mu ivuliro ugasanga bakuranwa kumugemulira. Abatishoboye bali ku musozi bafashwaga n' abaturanyi. Ibyo byose Umunyarwanda abiterwa n' ubugwaneza n' urugwiro yasigiwe n' abakurambere.

Ngiyo imwe mu migenzo isanzwe mu gihugu cyacu kandi twakwibandaho cyane kuko ali myiza. Aliko si iyo gusa, hali n' indi dukeshya ababyeyi n' abasokuruza bacu. Tujye tuyikulikiza tugerageza no kwishyiliraho akacu.

19. NKUBA NA GIKELI



Nkuba yibereye aho agatura mu ijuru, Gikeli akaba mu nsi. Gikeli yagenda, akagenda asimbuka. Nkuba akibera hejuru agakubita hilya no hino. Umunsi umwe aza gukubita ajya hasi, asanga Gikeli yarubatse, arasakara, afite urugo rukomeye.

Nkuba abaza Gikeli ati « ese Gikeli, ko wubatse utya, wowe usakaza iki, ubwatsi ubukura he ? Ubutemesha iki ? »

Gikeli ati « mfite umuhoro wanjye, ngomba gusakara inzu yanjye simvirwe. »

Nkuba ati « na njye rero ndi umukene, untize uwo muhoro wawe nitemere ubwatsi, njyane ku ijuru, njye kwisakalira inzu. Umugore n'abana ntibagira aho bicara. » Cyakora Gikeli abyumva vuba, abaza Nkuba ati « ese Nkuba ndaguha umuhoro wanjye, nzawushyikilizwe n'iki ko ureba ntagira amaguru ? »

Nkuba ati « nzawuzana vuba. » Gikeli ahereza Nkuba umuhoro, aragenda atema ubwatsi. Aliko ubwo Nkuba yatemaga ubwatsi, Gikeli yalibwiraga ati « ndabizi, Nkuba ni umuntu ugira amahane, kandi ntazongera kugera ino ubwo ashyikiliye umuhoro wanjye. » Gikeli aranyaruka yigira mu kiba cy'ubwatsi.

Nkuba akubita ubwatsi abugeza mu ijuru, abutura ku kibero cy'inzu iwe. Umugore ati « ese noneho ubu bwatsi ubukuye he ? »

Undi ati « wa mugore we ceceka. Ibintu mbonye ntibigira uko bisa. Nahuye n'umugabo Gikeli ampereza uyu muhoro, aliko nza-rebe aka Gikeli na Nkuba. Ntabwo rwose uyu muhoro nzawumubiza. Reka njye nitemera ubwatsi, nisakalize inzu, ntabwo Gikeli azagera ino ». Umugore ati « uzaba umuhemukiyè cyane. » Undi ati « reka da ! Ntabwo namuhemukira. »

Nkuba akajya aca ubwatsi, arasakara, amererwa neza. Gikeli aranyaruka yitura mu kibero cy'inzu, noneho Nkuba akibwira ngo ntabwo ibyo Nkuba avuga Gikeli abyumva !

Gikeli yibera ahongaho, iminsi munani basezeranye igeze, Gikeli aranyaruka ajya mu irembo kwa Nkuba.

Arakorora. Yemwe abo kwa Nkuba ? Nkuba ati « yee ! Nimwumve abo bantu ! » Ati « sinzi umpamagaye. » Gikeli arakorora. « Erega ni jye Gikeli. Umuhoro wanjye warawutindanye, none nali nje kuwureba. »

Undi ati « koko iminsi ibaye miremire. Aliko utahere usubire imuhira, nanone iminsi ni umunani, uwa cyenda, nkakuzanira umuhoro wawe. » Gikeli yisubilira mu kibero cy'inzu.

Nkuba yibera aho. Atalisha ibitoki birashya, barenga. Inzoga imaze gushya, abwira umugaragu we ati « genda ujye guca ibihunda, uzane n'urutete utekere inzoga tugende, nshyire Gikeli umuhoro we ataziyahura. »

Gikeli aramwumva. Umugaragu aragenda azana ibihunda n'urutete araza atekera inzoga. Uko atekera Gikeli yiterera muli rwa rutete. Noneho umugaragu alikorera, Nkuba arakubita, umugaragu na hebuja bitura ku isi. Umugaragu aragenda atura inzoga mu nzu. Gikeli ava muli rwa rutete ajya ku bulili. Umugaragu asubira ku irembo asanga shebuja.

Shebuja ati « ese wahamagaye ? » Umugaragu ati « nahamagaye shobuja, aliko nta muntu wanyitabye. »

Ngo agere ku irembo arongera arahamagara ati « yemwe kwa Gikeli ? » Gikeli ati « yee ! Arakorora. Nta muntu umpamagaye ? » Bati « arahamagaye. Ni Nkuba waje kugutarulira umuhoro. »

Gikeli abyuka vuba vuba, ati « ni uko, ni uko. Ibitotsi ni umwana w'undi ga ! Nali nsinziliye ». Aherako arabyuka, ajya mu kirambi. Arakorora. « Mbega mwanzaniye inzoga ? »

Bati « twakuzaniye inzoga y'ishimwe kandi twakuzaniye n'umuhoro wawe. » Banywa inzoga. Barangije bamubwira imisango yayo.

Birangiye, Nkuba n'umugaragu we bisubilira mu ijuru, Gikeli asigara iwe n'umuhoro we.

Si jye wahera hahera Nkuba na Gikeli.

20. NYIRAMWIZA



Kera habayeho umugabo, akagira umugore. Bukeye umugore arasama. Umunsi umwe uwo mugore yegura ikibindi ajya kuvoma kandi akuliwe. Aragenda aravoma, amaze kuzuza amazi mu kibindi, agerageza kucyikorera kiramunanira. Nuko alivugisha agira ati « icyampa nkabona unyikorera iki kibindi, maze iyi nda ntwite nazayibyaramo umukobwa, nkazamumushyingira ; nazayibyaramo umuhungu bakazanywana. » Ako kanya inkuba irakubita, ikibindi iragiterura igitereka mu rugo.

Biratinda maze wa mugore arabyara, abyara umukobwa. Bamwita Nyiramwiza. Amaze kuba umwangavu, umurabyo ukajya uza ugahagarara ku mulyango, ushaka kumutwara. Nuko wa

mukobwa akalilimba ati « erega sinali nakura, yewe mwami wo hejuru, ninkura nzagusanga ! » Bikomezwa bityo ! Ababyeyi be bamubuzaga kujya hanze kugira ngo inkuba itamutwara.

Umunsi umwe, abandi bakobwa baraza baramushukashuka ngo bajyane gutashya no kwahira ishingwe. Nuko yiteba ababyeyi be maze ajyana n'abandi. Bageze ku gasozi, imvura iragwa. Abakobwa bose bajya kugama mu isenga ly'impyi. Bagezemo umurabyo ushinga ku mulyango. Nuko ba bakobwa basohokamo umwe umwe ; ugeze ku mulyango akavugaga alilimba ati « si jye Nyiramwiza useka amasaro agaseseka. » Maze umurabyo ukamureka agatambuka. Nuko Nyiramwiza asigaramo wenyine araza, ageze ku mulyango, avugaga kimwe n'abandi. Nuko araseka ! Maze amasaro arameneka, yuzura hasi. Ako kanya inkuba irakubita. Me ! iramutwara !

Amaze kugera mu ijuru inkuba iramutungwa, babana igihe kirekire. Amaze kubwira gatatu ahetse uwa kane, abwira Nkuba ati « ndashaka kujya gusura iwacu ndabakumbuye. » Inkuba irakubita, maze iramwururutsa. Imuha amatungo : inka, ihene n'intama. Imuha n'abagaragu bo kumutwaza amaturo n'ibindi byinshi.

Nuko Nkuba aramubwira ati « uramenye unyure mu nzira y'agatsibanzira, ntunyure mu nzira y'igihogere. Naho ubundi wazahura n'umugabo utali jye.


Nuko Nkuba amaze gusubira inyuma, wa mugore yinyulira mu nzira y'igihogere, ngo mbese araba iki ? Bageze imbere bahura n'igisimba. Kimwaka ibyo yali afite byose kirabilya. Hasigara we n'abana be gusa. Kirangije kiti « mpeka. » Aragiheka, maze akagenda ahigimba, naho ari ugucira amarenga ba bana be aho bali bahungiyeye ngo bajye kubwira basaza be ngo baze bamukize icyo gisimba. Ubwana burarorongotana bugera kwa ba nyirarume, buvugaga uko byagenze.

Hanyuma bambika imbwa, bafata amacumu n'imiheto baratabara. Bahageze, basanga wa mugore arihetse cya gisimba, aliko

atagishobora gutambuka. Ababonye agiterera hasi. Babanza kugica agahera, nyuma bagica amaboko n'amaguru. Ibyo cyari cyaliye byose babikivanamo. Nuko baracyica. Nyiramwiza abona gutaha iw'ababyeyi be.


Si jye wahera !

21. IBYIVUGO



1. Nagiye ku rusenge ibitugu ndabitigisa, imyambi ndayisukiranya, abo twali kumwe ndabacyaha, nitwa Cyaradamaraye.
2. Ndi Nkubito idatinya, ndi Nyambo sinkenga, Mucyo wa Rutinywa, ndi umuhungu ntibyijanwa.
3. Nkubitiye umuntu mu gikombe, ndamuzamura mukubitira mu gahinga, ngo ejo batagira ngo ni inkangu yamumfashije.
4. Ndi nyamugenda mu b'imbere, singenda mu b'inyuma, ni jye Nyambo yogeye.
5. Ndi agaca mu ziko ntigashye, ndi inkuba y'amaganga.
6. Ndi Gatobotobo ka Ndabateze, natega neza ndagatabaruka.

22. ICYIVUGO CY'INTURO



Ni inturo y'umujinya
Ya Rutigerera igicuku
Yenze ibara ly'igishwi n'ikibilibili
Ihilika mu Buranga
Itunguka kwa Nzogiroshya
Ibona Kibamba yaraye ku mutambiko w'urusenge
Rusake ihinā ibikohwa
Ikubiramo ibirokoroko iramiraza
Imbeba yaraye mu muheno
Iti « ngiye kubaza ibyo ! »
Iyikoma ijanja
Iheruka gukoma ejo
Yigira mu Cyibumba kwa Nyamulinda
Kwilira uduhilivi two mu rubingo.

« Inturo ntimenya aho yafashe inkoko. »
« Intumbi y'inturo ntishira amabinga. »

23. INTARE N'IMBEBA



Intare yalihoreye yilyamira mu ndili yayo. Imbeba ziraza zigumya kuyikina iruhande. Imwe muli zo yulira ibuye lyali hejuru y'intare, ilihanuka hejuru yitura hasi, ikangura intare. Intare ikangutse ifata akaguru k'imbeba. Imbeba yumvise ko intare iyifashe, irayibwira iti « ndagusaba imbabazi. Singukanguye mbishaka, ni ibyago nigiliye. Mbese ubundi agatumbi kanjye kakumalira iki ? Ndekura nzagushimira iyo neza ungiliye. » Intare irayirekura iragenda. Isigara iseka, iti « ndifuzza kubona aho imbeba ishimira intare. »




Hashize iminsi mike, imbeba ijya mu ishyamba gushaka yo ibyo ilya. Yumva umutontomo w'intare. Ya mbeba ilibwira iti « ngiye kureba icyo kintu ahali kili mu makuba ». Imbeba ijya kureba aho yumvise icyo kintu gitakira. Ihageze isanga ali ya ntare yayigiliye neza yaguye mu mutego. Imbeba ngo iyikubite amaso, irayibwira iti « hinga nze mugenzi wanjye, ngerageze kugukiza. » Imbeba icagagura imigozi yali yafashe intare mu maboko no mu ijosi. Ni uko intare na yo ibona ubuca ya migozi yali yayifashe amaguru, ibona intege noneho zishwanyaguza wa mutego, ku neza y'imbeba kandi ali yo ntoya.

« Giraso yiturwa indi. »

« Inuma y'i Burundi yatumye ku y'i Rwanda ngo ha uguha. »

24. IMBEBA Y'INYAMERWE




Imbeba yakuviliye mu mwobo itangira kuzerera ishaka icyo yalya. Ilibwira iti « nzi ubwenge, no kunshuka biragoye, kuko nizera bake. Nta we ushobora kumfata. »

Yikoza hilya, yikoza hino ; izerera inzu yose aliko iheba icyayicira isali. Inyarukira mu kigega, ihingukira kuli rwagakoco. Irahagarara irashishoza, yitegereza uwo mutego, irawuzenguruka. Iratekereza iti « nta kabuza, ubu ni ubucakura abantu bahimbiye gufata imbeba. Aliko bararushywa n'ubusa, jye ntibazamfata. » Ihangana ijisho kuli wa mutego, ibona haliho umubumbe w'urugumbu utemba ibinure ; iti « nta kabuza dore ikizakora ku mbeba ! Dore akalyoshye bavuze ! Ninkoraho biraba bishize. Ibyo ali byo byose aliko, sinabura kurwegereza utuzuru, ngo ninukilize kuko ruhumura neza. »

Yomboka buhoro buhoro yegera rwagakoco. Imbeba yawe iratekereza iti « mbega ukuntu abantu bagira ubwenge buke ! Bibwira ko nakora kuli liliya shyano ! Henga nzunguruke, ndetse ndibuze kugera kuli ruliya rugumbu ntacyo mbye rwose. » Irasotatota, itera udutambwe duto, sinzi uko yakomye imbarutso, igiye kumva ngo koko ! Ifatwa mu tujana. Imbeba ikuka umutima, ishaka kuyikiza biba iby'ubusa ; iba ihezemo ityo. Irajwigira itabaza zene wayo ntihaza n'imwé, ahubwo nyir'umutego aba araje. Ayitegeza abana barayica, agatumbi bakajugunyira injangwe.

« Uhima ipfa arahava. »

25. KALYAMYENDA



Habayeho umuntu agakunda kalya imyenda. Umunsi umwe, asanga ingwe yiyiciye ihene, arayibwira, ati « jyewe mfite ihene nyinshi, mpa akanyama, na njye nzakwishyura. » Ingwe ntiyashidikanya, ndetse imuha uruhande rwose. Undi muni ajya mu rufunzo hafi y'uruzi guhambira imiganda y'inkorogoto, ahageze ahasanga ingona yishe inka. Nuko abwira iyo ngona ati « reka dusangire iyi nka, na njye nzakwishyura. » Ya ngona iremera baragabana.

Hashize iminsi ya ngwe iza kumwishyura, ayibwira ko izagaruka hanyuma. Ngo asubire ku ruzi, ya ngona na yo iramufata, iti « nyishyura ». Arayibwira ati « ejo uzalyame ahangaha, nzayizana, na we uyigire uko ushaka. » Iramureka aragenda.

Ngo agere imuhira, asanga ya ngwe yaruhagazemo, iti « jyewe rero, sinsiga ntakwishye. » Wa muntu na we, ati « oya, ndeka ilya none, ejo uzagaruke. » Ngo bucye, igaruka kumwishyura. Arayibwira, ati « jya haliya hafi y'uruzi, ni ho nayishyize narangije kuyica. Naho arayeruka aho yali yasize ya ngona.

Ya ngwe iramanuka no kuruzi. Igeze aho yagombaga gusanga ihene, ingona yali yihishe mu byatsi iba yayibonye nk'ejo, irasimbuka irayifata, irayica iti « birarangiye wa mugabo ntiyambeshye. » Imaze kubaga, uruhu iruha wa mugabo, na we arugura inka ebyili zose. Akira ya myenda ye atyo.

« Akalyamyenda gashima kishyuye. »

26. ISEGA N'IMBWA



Isega inanutse yabonye imbwa ibyibushye irayibaza, iti « ko nduzi ubyibushye wabyibuhijwe n'iki, ko jyewe nabuze ikintunga ? » Imbwa irayisubiza iti « aho mba haba ibyo kulya byinshi, umulimo wanjye ni ukulinda ibisambo, kandi Databuja arankunda cyane ; nunkulikira ndajya kugusabira ibilyo. » Bigenda biganira. Isega iza kubona ikintu mu ijosi ly'imbwa, irayibaza iti « icyo ni iki wambaye mu ijosi ? » Imbwa irayisubiza iti « ahali ni umunyururu wanjye ubonye. » Isega iti « simbizi. Ese wo umara iki ? » Imbwa irayisubiza iti « iyo bashaka ko ntirukana abantu, banshumika ukwanjye, bakanzanira inyama n'ibindi bilyo byiza. » Isega irayisubiza iti « mugenzi wanjye, nkunda ibilyo cyane, aliko kubilira ku nkomo nsanze ntabishobora. Urabeho. Kwishyira ukizana biruta kure ubukungu buboshye nyirabwo. »

- Sakwe ! Sakwe
- Soma
- Mutamu irabyina mu gatabire
- Imbwa mu masinde.

27. IMBWA N'IGISAMBO



Nijoro mu gicuku, igisambo cyaje ku nzu kigira ngo cyibe ibintu biyilimo, imbwa irakibona iramoka. Nyir'urugo arabyuka, arareba ntiyagira icyo abona, maze akangara ya mbwa ngo iceceke, arongera ajya kulyama.

Igisambo kibonye ko asubiye kulyama, kiragaruka, kigerageza gukingura umulyango ngo cyinjire, ya mbwa irataka cyane. Nyir'urugo yongera kubyuka ; igisambo na cyo kimwumvise kilihisha. Araza arareba yumva nta gikoma, akangara ya mbwa, asubira kwilyamira.

Igisambo kirongera kiragaruka ; imbwa na yo irongera iramoka. Shebujya arongera arayikangara, aliko ntiyabyuka. Nuko mu gitondo abyutse, asanga igisambo cyamwibye ibintu byinshi. Yibuka ubulyo yagiye akangara imbwa ye, maze ati « iyo umuntu atuka inshuti ye, abanzi be balishima. »

« Nyamwanga kubwirwa ntiyanze kubona. »

28. ISEGA N'UMUNTU



Umunsi umwe, umuhali wahuye n'isega, urayibwira uti « umuntu agira intege cyane, nta nyamaswa yamukira itamuhenze ubwenge. »

Isega iti « iyo mbona umuntu limwe lisa, ni ukuli naheragako musumira. » Umuhali uti « ejo uzaze nkwereke umuntu kandi nzamugufasha. »

Nuko ngo bucyeye mu gitondo, isega n'umuhali bijya kwicara ku nzira, aho umuhigi yajyaga anyura iminsi yose. Ubwa mbere hanyura umusilikali ushaje. Isega ibaza wa muhali iti « uyu ni we muntu ? » Umuhali uti « oya, uyu yahoze ali we kera. » Inyuma ya wa musaza haturuka umwana, aza amukulikiye. Isega iti « umuntu ni uyu ? » Umuhali uti « uyu azaba umuntu kera, ubu ntaraba we. » Hashize akanya, umuhigi ahinguka hilya afite imbunda ku rutugu n'inkota mu bitugu. Umuhali uti « dore noneho umuntu araje, genda umufate, jyewe nigiliye mu mwobo wanjye. »

Nuko isega igenda igira ngo ifate wa muntu ; imugeze iruhande wa muhigi ntiyatinya, ayikubita isasu hagati y'amaso, isega ntiyabyitaho, izinga umunya ikomeza kumusatira. Umuhigi arongera ayikubita ilindi sasu. Isega ilihangana iramwegera cyane.

Imaze kumwegera, akura inkota ye, ayitemagura hose. Isega igenda ivilirana, isanga umuhali itaka cyane. Umuhali urayibaza, uti « mbega mwana wa da ! Aho ntiwanesheje wa muntu ! »

Isega iti « ceceka sinali nzi intege z'umuntu, ni we ugira intege z'ukuli. Ubwa mbere yenze inkoni yali ku rutugu, ayishyiramo umwuka, ayintulikiliza mu maso, birantokoza rwose ; arongera ubwa kabili abintulikiliza ku mazuru, numva bimeze nk'unteyeho amabuye ; arongera yikuramo urubavu rumwe, ararunkubita. Nali ngiye gupfa rwose. »

Umuhali uti « erega umenya wahashye ! Ntuzongere kwirata ukundi rero. »

« Uguhiga ubutwali muratabarana. »

« Ubwenge busumba ubugabo. »


Ejo nische ibibilibili bibili.

None nische ibibilibili bibili.

Bibilibili bya nyirabilibili bibili.

Hali umugabo wo kwica ibibilibili bibili !

29. UMUBILI W'UMUNTU



Umubili w'umuntu ugira ibice bitatu by'ingenzi : umutwe, igihimba, amaboko n'amaguru. Ubamo kandi amagufwa menshi.

Ibice by'umutwe ni uruhanga, izuru, umunwa, amaso, imisaya, amatwi, amatama n'akananwa. Muzi akamaro k'ibyo bice se ?

Amagufwa y'umutwe abumbatiye ubwonko ali bwo shingiro ly'ubwenge. Uruhanga hamwe n'ibindi bice byawo biha umuntu ishusho imutandukanya n'undi. Iyo shusho niyo twita uburanga. Izuru turalihumekesha, kandi ni lyo litumenyesha ko ikintu gihumura cyangwa kinuka. Mu kanwa haba amenyo dutapfunisha ibyo tulya, n'urulimi tuvugisha kandi twumvisha ubulyohe. Amaso turayarebesha, amatwi agatuma twumva.

Umutwe ufatishijwe ku gihimba n'ijosi. Uruhande rw'imbere rw'ijosi barwita umuhogo, urw'inyuma rwitwa igikanu.

Mu ruhande rw'imbere rw'igihimba hali igituza n'inda, mu ruhande rw'inyuma hali umugongo.

Tugira amaboko abili n'amaguru abili. Amaboko atangilira ku ntugu akarangilira ku biganza. Ikiganza kigira intoki eshanu : aga-

hera, marere, musumbazose, mukubitarukoko na mugufinyirazo ali cyo gikumwe. Abanyarwanda bose ntibazita batyo. Zose zikameraho inzara. Dushobora guhina amaboko yacu, ibyo bigirwa mu nkokora.

Ukuguru kugizwe n'itako, ikibero, ivi, umurundi, agatsinsino, n'ikirenge. Ikirenge gifite amano atanu, kandi amano na yo arangizwa n'inzara. Amagufwa atwikiliwe n'inyama. Inyama na zo zitwikiliwe n'uruho rulimo udutoboro twinshi cyane tunyuramo ibyuya.

Gukora, kulya neza no kugira isuku, bituma umubili wacu ukomera kandi ugira ubuzima bwiza.

« Ubugufi si indwara. »

« Uburanga si umutima. »

- Sakwe sakwe !
- Soma.
- Sakuza n'uwo muli kumwe.

Urulimi rwawe.

30. INDOGOBE N'UMUNTU



Umuntu yajyanye indogobe ye kugura umunyu. Hanyuma agaruka awuhekesha iyo ndogobe. Yumva umutwaro urayishe-ngura, ndetse igiye kwambuka umugezi igwamo. Umunyu wiku-bise mu mazi urashonga, maze noneho umutwaro worohera i-ndogobe. Ilishima rwose, ikomeza kugenda ; ngo yigire imbere, yitura hasi yigiza nkana, umunyu wose ushilira hasi.


Nyirayo abonye ko yamwangilije umunyu nkana, na we agera-geza kuyihana. Ashaka umusenyi, arawupfunyika, arayikorera. Igiye kwambuka undi mugezi, yongera kwituramo igira ngo biramera nka mbere. Ikubita rwa ruboho mu mazi. Igize ngo ilikorera yumva wa muzigo warushijeho kuremera, yicuza icyo yabiko-reye. Shebujya abonye irembye, umuzigo uyinaniye, arayitura, umusenyi awukuraho, ati, « ngira ngo noneho wumvise. »

Ayisubiranye guhaha umunyu, agira ngo ayigerageze, ntiyasu-bira kubigira kwa kundi, kuko yatinyaga kuvunika nka mbere.

Nguko uko ibyago bijya byigisha ubwenge.

Inkware yikubye ku mugondoro, adagali doo, doo, doo, doo.
Ihamagara Gatabazi, idagali doo, doo, doo, doo.

31. INJANGWE YACITSE UMULIZO



Injangwe yagiye gufata inkoko, ifatwa n'umutego uyica umulizo. Ihura n'izindi zigenda ziyiseka. Iza guhagarara irazibwira iti « mfite ijambo limwe mbabwira. » Izindi ziti « tuguteze amaw-twi. » Na yo iti « imilizo yacu iraturushya rwose. Kandi n'iyu du-shatse kwihisha mu mwobo, ntitume twihisha rwose ngo turangiliremo. Twagenda kandi tukayikurura inyuma yacu cyangwa tukayishinga ; ntabwo dushobora kuyihisha ngo idukundire. Ndetse n'iyu dushatse gufata imbeba, turayizunguza, zikatwumva zigahunga. Ikindi kandi mutayobewe, ni uko dukunda gufatwa n'umutego ku mulizo. Jyewe rero, nanze ko wazongera kundushya ukundi ndawuca. Ni cyo gituma mbagira inama yo kuyica mwese. »

Zisekera icyalimwe, biratinda. Inkuru muli zo irayibaza, iti « muli twe hali uwakuganyiye ko imilizo yacu iturushya ? Igituma utubwira utyo, ahali ni uko wawucitse. Ahubwo urashaka ko natwe tumera nka we, ngo we kubura umulizo wenyine. Igendere twakumenye. » Ngo yumve ayo magambo, ihita yirukanka yikura ityo mu isoni.

Sebuguru ubugugu bwa ntambiye umwega, untize agacumu kawe nigire mu bana. Ninsanga ali bose nice Kamagugu, nsigaze Kamaraba.

32. UMUGANI W'UBUSHWILILI



Ubushwilili bwali bufite se, yarabubyaye ali butandatu, hanyuma arapfa. Umunsi umwe, bwigira inama buti « tujye guhakirwa inka. » Ubushwilili bujya guhakwa. Bumaze kugabana inka imwe, burataha. Busohoye, bujya inama buti « tulye iyi nka, nitumara kuyilya dusubire kwa Databuja, aduhe indi. » Inama yo kulya inka imaze kunoga, ubushwilili butoranya imilimo, kamwe kati « ndajya gusenya inkwi. » Akandi kati « ndajya gukura amashyiga. » Akandi kati « ndajya kurahura. » Akandi kati « ndajya kuvoma. » Utubili, agakuru n'agato, dusigara aho. Kamwe kati « ndabaga. » Akandi kati « ndagufasha. »

Ubushwilili bujya ku milimo yabwo. Ubwasigaye imuhira, inka burayica, burayibaga, inyama buzigira neza, buratondora. Ubwali bwagiye ntibwagaruka. Akali kagiye gusenya, kagize ngo karavuna urukwi, kanyerera intagarane, karapfa. Akagiye kuvoma, kabona igicucu cyako mu mazi kati « yewe wa mwana we uli mu mazi urakora iki? Reka nze ngukubite! » Karasimbuka, kitera mu mazi, kamira nkeli, karapfa. Akali kagiye gukura amashyiga akitura hejuru, karapfa. Akali kagiye kurahura, kagenda kiruka, karanyerera, kikubita hasi intagarane, na ko karapfa.

Aka gatanu n'aka gatandatu (twa tundi twasigaye imuhira) tubonye ko twarangije kubaga, tugategereza utundi ntitutubone,

tulibwira tuti « aha! babonye ibyo bilira ntibaza. » Kamwe kati « ngiye gushaka uwagiye gusenya, nimubona ndajya gushaka n'abandi. » Akandi kati « ngiye gushaka uwagiye kuvoma, nimubona ndajya gushaka n'abandi. »

Akali kagiye gushaka uwagiye kuvoma, karora mu mazi, kabona igicucu cyako, kagira ngo ni wa wundi ulimo. Karavuga kati « ubonye igihe wagiliye kuvoma ukaba ugejeje iki gihe utaraza? Dore twabuze icyo dutekesha inyama, naho wowe wibereye mu mazi! Henga nze ngukubitiremo. » Karasimbuka, no mu mazi ngo « dumbuli » kagenda gatyo, karapfa.

Akali kagiye gushaka akagiye gutashya, kabona kali mu nzira gatandaraje, katazi ko kapfuye, kati « igituma waheranye inkwi, tukaba twabuze icyo dutekesha ni iki? Twarangije kubaga kare, naho wowe wigaramiye mu nzira nta soni? Reka nze tubonane. » Kagenda kiruka, gakuba ijosi, karapfa. Udushwilili tuli mbuka dutyo, ntihagisigara n'ako kubara inkuru. Inyama zilibwa n'ibisiga.

33. NGUDA (Igice cya gatatu)



Ngunda ageze imuhira, asanga umugore, umukobwa wa Gacumu, yabyaye. Nuko Ngunda atera kwa Gacumu kwaka ibihembo. Aragenda abwira Gacumu ati « umukobwa wawe yarabyaye, nimumuhembe. » Maze yungamo ati « ndabona yagirwa na biliya bigega byombi. »

Ibyo bigega bikaba binini cyane. Barabimuha, bagira ngo ntali bubashe kubitwara. Agira kimwe aracyikorera, ikindi aragihagatira. icyo ahagatiye abaye agikiranuka mu irembo, atangira kugihakenya. Agifatana Umukunguli, agihakenya Ngoma yose, agihakenya impinga ya Nyarubaka, akizana mu Gitare, agifatana Murambi agihakenya, agisingirana i Kangoma yo kwa Mpamarugamba, agikubitana mu Gakoni kwa Nshozamihigo agihakenya, aza Nyamagana yose agihakenya, aterera impinga ya Muyange, ageze ku Kinyogoto udukenyeli aratujugunya.

Ngunda yadukira ikigega yali yikoreye, aramunga. icyongicyo akilya umwanya muto, kuko imisaya yali imaze kumenyera. Maze agikura ku mutwe, agitwara mu ntoki. Agitangilira mu

Bihana kwa Mugunguje, akinyurana mu Ngorongali agihakenya, akirengama Sazange, asingira Kinkanga, Buhimba ayisiga mu kuboko kw'ibumoso, igihe ageze mu Gikirambwa kwa Nyiracunda, ajugunya ubujunde bw'udukenyeli munsu y'inzira ! Aliko inyota ntiyareka agera iwe. Umusozi arawucuba, asanga umushumba adahilira inka ze, amusaba amazi yo kunywa.

Umushumba ayamuha mu gicuba cyuzuye. Ngunda ayabunda intama imwe, yongeza andi, na yo amubera iyanga, ntiyashira inyota. Nuko wa mushumba aramubwira ati « nazanywe no gushokera inka zanyje, sinazanywe no kukuhira. »


Wa mushumba acaho, ajya gushoza inka ze hilya. Nuko Ngunda igikenya yicara ku kibumbiro, arakinywa, aragikamya. Ajya mu kindi kibumbiro, na cyo aragikonoza ; aligata ibyondo byo mu isoko. Ngunda amaze kunywa amazi yose yo mu bibumbiro no mu iliba, ajya mu ibuga aralyama, agalika umwogo w'inda.

Umushumba amanukana inka ze, aroye mu kibumbiro, asanga humye kera. Nuko inka ze zirarumanga. Wa mushumba akebuka Ngunda haruguru ye, aravuga ati « dore ruliya rudigi henga nze turugabane ! » Arakunyarukira, amukoza agacumu mu ibondo, bya bizi yanyoye na bya bishaka yatemaguye birahomboka, byose biva mu nda ya Ngunda, bimanuka ku musozi, biwucamo ibikuku. Nuko icyo gihangange gipfa cyishwe n'inda nini.

Kuli ubu Ngunda aba afite abantu benshi bamukomakaho. Aliko yamaze gupfa, abagore be bajya gushaka amazu, bajyana n'abana be. Abo bana bali abalyi nka se, babura ibibatunga, bapfa uruhondobero bishwe n'inzara.

« Inda nini yishe nyirayo. »

34. ISHA N'INZOVU



Umunsi umwe, isha yaganiraga n'izindi nyamaswa, nuko iza kuzibwira, iti « aho mwali muzi ko naguze ya nzovu nini muzi, none ikaba inkorera ? » Impongo yumvise ayo magambo iratangara cyane, iti « ni uko uvuze ? Sigaho kutubeshya ! Ndetse ejo kare tuzayibaliza ! »

Ntibyatinze mu museso wa kare, impongo irazinduka no kwa Nzovu iti « ejo isha yatubwiye ko yakuguze, ngo none urayikorera, biradutangaza cyane. Twali tuzi ko inyamaswa twese tugomba kukubaha no kugutinya, none ni ibyo ? Ikibabaje kandi, yabivuze hali amasatura, ingurube, ibinyogote n'izindi nyamaswa ziciye bugufi. »

Inzovu yumvise ayo magambo birayitangaza, irarakara, bituma yiyemeza kubaza isha icyayiteye kuvuga ayo magambo ateye isoni. Irahurura na yo.


Isha ikirabukwa inzovu itangira kwirwaza. Iraniha cyane, ivuga nk'iyarembye. Iti « ikirenge we ! Imbavu we ! Umutwe we ! Ayi

data we ! » Ubwo niko yigaragura hasi. Inzovu ibonye isha ime-rewe nabi igira impuhwe, aliko ntibyayibuza kuyibaza icyatumye itinyuka kuyisebya mu ruhame rw'izindi nyamaswa. Iti « niko sha ! Ngo waranguze ungira umugaragu wawe ? Ngaho se nika-vuge ! »

Isha irasubiza iti « Nyagasani ni nde wanteranyije atyo ? » Inzovu irayisubiza iti « inyamaswa mwali kumwe ejo ni zo za-bimbwiye kandi urazibuka. »

Nuko isha irayibwira iti « dore uko meze ubu nararembye, kandi maze iminsi ntaho njya. Ibyo se si ibikwereka ko ali abanzi bashaka kunteranya na we ? Nkurahire, sinigeze nabirota mu nzosi ! »

Inzovu yumva igize impuhwe. Iki ntiyashirwa. Iti « ngwino nguheke tujyane kubaza impongo, na yo mwali hamwe ejo, me-nye uvuga ukuli. » Inzovu irayihuka.



Mu nzira, byahura n'izindi nyamaswa, isha ikagamika, kugira ngo izereke ko ihatse inzovu. Inyamaswa zibibonye ziti « ni koko isha yahatse inzovu, dore irayihetse ! »

Inyamaswa yahura n'indi ikabiyitekerereza, maze iyo nkuru ikwira hose. Inyamaswa zirashika na zo ngo zihere amaso, zishire amatsiko.

Inzovu ikomeza urugendo ihetse ya sha, bitaragera aho impongo ituye, isha yibaza uko ili buhindure ibyo yavugiye ku mugaragararo. Isanze bitaza gushoboka, yigira inama yo gucika. Uko yakicaye ku mugongo w'inzovu ilitunatuna, irazimiza, igwa mu ishya mba ilihisha.

Inzovu ntiyamenya ibyabaye, ikomeza kugenda. Igeze aho impongo ili, ngo yururutse umurwayi, isanga yagiye nk'ejo. Iru mirwa kandi ikorwa n'isoni, kuko nta nyamaswa n'imwe yali isigaye itaramenya iyo nkuru. Isha yali yayirushije ubwenge.

« Ubugabo si ubutumbi. »

35. IMBWA N'IMPYISI



Impyisi yalihoreye ibwira imbwa iti « uraze twuzure, tunyane. » Imbwa irabyemera, biranywana, bikajya bitumirana. Umunsi umwe, binywa amayoga kwa Mpyisi ; ngo bucyeye binywa amayoga kwa Mbwa. Imbwa ibwira ya mpyisi iti « umunsi napfuye uzampambe, aliko uzampambe iwanjye. Nanjye nupfa nzaguhamba iwawe. »

Umunsi umwe, ya mbwa ibwira umugore wayo iti « ubu ngiye kwihwereza, muze gutuma kwa Mpyisi muyibeshye ko napfuye. Nimpambira mwicecekere, ntimugire icyo muvuga muyireke. » Batuma kuu ya mpyisi, barayibeshya, bati « munywanyi wawe yapfuye. » Ikibyumva, iraza, maze ihageze yenda igishilira mu ziko, irayotsa iti « urapfe upfuye, ugende iby'inshuti biragora. » Hanyuma iti « ndajya kuyihamba iwanjye. » Baranga, bati « ulibuka ko itarapfa yali yarakubwiye ko utazayihamba ahandi ? » Ya mpyisi iliyumvira, bigeze aho iturumbukana ya mbwa, igeze aho batayirora, igenda iyikubita ku mabuye no ku biti, iyishwaratura iti « urapfe upfuye. » Iraruha igera imuhira. Isiga ya mbwa ku

mulyango yinjira mu nzu, ibwira umugore wayo iti « mpa imbugita wa mugore we. » Imbwa irahaguruka iliruka. Igeze ku irembo, ibwira ya mpyisi iti « mbonye urukundo umfiteye shahu we ! Ibyacu birarangiye, ntituzongera kubana ukundi ! Nta kunywana n'impfisi koko ! »

Impfisi isigara yumiwe, yakozwe n'ikimwano. Maze urukundo rushilira aho. Imbwa na yo iragenda ntiyongera gucudika n'impfisi. Nuko urwangano rw'imbwa n'impfisi rukomera rutyo, byangana urunuka kugeza n'ubu.

« Umukunzi w'impfisi ni we ilya mbere. »

« Ushaka urupfu asoma impfisi. »

Rutotezanzira na Rugwirabihuru, wata iki, ugatora iki ?

36. URWANGANO RW'INJANGWE N'IMBEBA



Injangwe n'imbeba byaruzuraga, bikaganira, bigakina, bigasangira akabisi n'agahiye. Imbeba igasigara ku rugo, injangwe ikajya guhiga. Imbeba yicukulira umwobo mu miganda y'inzu ; aliko injangwe ntimenye impanvu mugenzi wayo acukura uwo mwobo.

Umunsi umwe bijya inama, byiyemeza kwiba ikimasa. Birakunyarukira nijoro, bizana imfizi kabombo, iruta imvubu ubunini. Birabaga, birangije, injanwe iralya irahaga, aliko isigaza inyama nyinshi cyane, naho imbeba iguguna amagufwa imisaya irashya. Imbeba iti « nyabuna ntiwampaho intongo nkumva uko iyo mfizi yali imeze ? » Injangwe irayihakanira. Inyama zisigaye irazikeba, izishyiramo umunyu, izitereka mu nkangara, irazipfuka, maze iziranzika muni y'urusenge, isubira guhiga.

Injangwe imaze kugenda, imbeba irulira, itobora inkangara, irengera kuli za nyama irazilya, imaze gutuna, izisigaye itunda ijyana muli wa mwobo wayo. Injangwe ihigitse iti « ngiye kwi-rebera akanyama ndalira. » Igeze muni y'urusenge isanga inkangara irayihamagara. Ipfunduye ikubitwa n'inkuba, isanga nta n'intongo n'imwe irangwamo. Irabukwa ya mbeba irayivudukana. Imbeba ishyitsamo, yicoka muli wa mwobo wayo, ikira ityo. Injangwe yifata ku munwa imanjiwiye. Itangira kuvuma imbeba, irayibwira iti « kuva ubu tubaye inzigo, imbeba zizajya zilibwa n'injangwe aho bihuliye hose. »

37. INUMA N'IMBEBA




Umunsi umwe, umuntu wategaga inyoni yateze umutego we mu byatsi, hejuru yawo ahamisha amasaka menshi. Inuma zije zirayahasanga.

Umutware wazo arazibaza ati « aya masaka yamenwe n'iki aha? Nimubwira muretse kuyatora tubanze tujye inama. » Izinda numa ziranga. Zihera ko ziramanuka; zikigera hasi zifatwa zose. Umutware wazo arazibwira, ati « sinababujije mukanga? Nimugerageze kugurukira limwe ahali muravamo. » Zigurukira icyali-mwe, ziterura wa mutego, zirawutahana. Zigeze imuhira, ziti « tugize dutse se kandi, ko tutabasha kuwukuramo? » Umutware wazo ati « nimuze dusange umutware w'imbeba, ahali yashobora kudukiza. » Ziragenda zisanga umutware w'imbeba yicaye ku ntebe y'ubutware. Ziramubwira ziti « twagize ibyago, none tuje kugusaba ngo urebe uko wadukiza. » Umutware w'imbeba abwira ingabo ze ati « nimuce uyu mutego vuba. » Nuko ziwahuramo amenyo, zirawucagagura, inuma zikira ubwo. Maze zibwira imbeba ziti « mubaye inshuti z'amagara. » Nuko ziherako zirataha.

Na twe rero twilinde gukorakora no gutwara ibitatugenewe. Dukulikize inama z'abaturuta, kandi tujye twibuka gushimira abatugilira neza, batulinda kugwa mu mutego w'ibidutera amatsiko ashobora kudukurulira ibyago.

Nyokobukwe aranyanga, anyanga atali Imana.
Antize inka ya Gashyimbo, gashyimiye mu gasabo.

38. SUGIRA RWANDA RWIZA



1. Sugira usagambe Rwanda rwiza.
Sugira mugongo mugali uduhetse.
Gira amahirwe. Gira amajyambere.
Horana umugisha. Kabeho!

Inyikilizo :

*Rwanda rwiza. Rwanda rw'Abanyarwanda.
Rwanda rwatubyaye. Rwanda rw'amahoro.
Rwanda rw'ibiyaga. Rwanda rw'ibirunga.
Gahoreho!*

2. Reka ndate imirambi yawe myiza.
Gihugu gihoramo inka n'abageni.
Reka ndilimbe ubwiza bwawe,
Nkubwire amahanga ngira nti :
3. Murage w'Abasogokuruza, ramba.
Horaho, soko y'ubwiza bw'Afurika.
Tuzagukorera. Tuzagusingiza.
Tubwira amahanga ko uliho.

ISHAKIRO

IGICE CYA MBERE : Ibihekane bishya	5
IGICE CYA KABILI : Imyandiko	27
1. Nzakunda kujya mu ishuli	28
2. Kalima na Gahigi	29
3. Ikinyabupfura	30
4. Isuka	31
5. Ngunda (I)	32
6. Urukwavu n'igikona	35
7. Bakame n'impfisi	36
8. Isuku	39
9. Nyanshya na Baba	41
10. Impfisi n'Imana	45
11. Umuyaga n'izuba	47
12. Ikiyaga cya Kivu	48
13. Mvuye kwa masenge	49
14. Umuntu w'umunabwira n'umunyabwira	51
15. Ngunda (II)	52
16. Insina	56
17. Urukwavu n'umuhali	58
18. Imigenzo ya Kinyarwanda	60
19. Nkuba na Gikeli	62
20. Nyiramwiza	65
21. Ibyivugo	68
22. icyivugo cy'inturo	69
23. Intare n'imbeba	70
24. Imbeba y'inyamerwe	72
25. Kalyamyenda	73
26. Isega n'imbwa	74

27. imbwa n'igisambo	75
28. Isega n'umuntu	76
29. Umubili w'umuntu	78
30. Indogobe n'umuntu	80
31. Injangwe yacitse umulizo	81
32. Umugani w'ubushwili	82
33. Ngunda (III)	84
34. Isha n'inzu	86
35. Imbwa n'impfisi	89
36. Urwangano rw'injangwe n'imbeba	91
37. Inuma n'imbeba	92
38. Sugira Rwanda rwiza	93